URUKIKO RWISUMBUYE RWA NYARUGENGE RURI I NYARUGENGE RUHABURANISHIRIZA MU RUHAME URUBANZA RW'IMBONEZAMUBANO RC 0462/09/TGI/NYGE KUWA 24/03/2011 MU RWEGO RWA MBERE RURUKIJIJE MU BURYO BUKURIKIRA :

HABURANA :

UREGA :

NUMUKOBWA Jean d'Arc, mwene Gafuragura Landouard na Madamu Adèle, utuye Mumena-Nyamirambo-Nyarugenge-Umujyi wa Kigali, ahagarariwe na Me Nyangezi Eugène.

UREGWA: Succession Makuka Shabani.

IKIBURANWA :

Gusaba kwandikwaho ikibanza n°1761-R.I.O.F.U Kigali cyaguzwe na Nsengiyumva Amoni kuwa 26/09/1992.

I. IMITERERE Y'URUBANZA

1. NUMUKOBWA Jean d'Arc yasezeranye mu buryo bwemewe n'amategeko na Nsengiyumva Amoni. Ku itariki ya 26/09/1992 Nsengiyumva Amoni yagize inzu na Niragire Madina wari uhagarariye abana yabyaranye na Makuka Shabani. Niragire Madina na Nsengiyumva Amoni baje kwitaba Imana batarahinduza amazina kuri iyo nzu. Ni muri ubwo buryo NUMUKOBWA Jean d'Arc asaba ko urukiko rwategeka ko inzu imwandikwaho.

2. Ibibazo bikwiye gusuzumwa ni ukureba niba NUMUKOBWA Jean d'Arc afite ububasha bwo gutanga ikirego kandi niba afite uburenganzira bwo kwandikwaho ikibanza.

3. Hakwibutswa ko urubanza rwaburanishijwe abaregwa aribo succession Makuka Shabani igizwe na Haguma, Mugiraneza, Mukamurenzi Tatu, Ushizimpumu na Rujindiri

badahari kuko banze gusinya kumahamagara kuwa 9/02/2011 nkuko byemejwe na Rusimbuza Gaspard, umuhuzabikorwa w'akagali ka Rwezamenyo I.

II. ISESENGURA

A. Kubyerekeye ububasha bwa NUMUKOBWA Jean d'Arc bwo kurega

4. Muri dosiye bigaragara ko NUMUKOBWA Jean d'Arc yasezeranye mu buryo bwemewe n'amategeko kuwa 27/08/1989 i Musambira nk'uko byemezwa n'icyemezo n°23311 cy'Akarere ka Ruyumba cyo kuwa 4/10/2002, bakaba barasezeranye ivangamutungo rusange, kuba Nsengiyumva Amoni yaritabye Imana nk'uko byemezwa n'icyemezo cyatanzwe n'umuhuzabikorwa y'umurenge wa Nyarugenge Semitari Alexis cyo kuwa 07/08/2009, urukiko rurasanga NUMUKOBWA Jean d'Arc afite ububasha bungana n'ubwa Nsengiyumva Amoni bwo kuregera uwo mutungo hashingiwe ku ngingo ya 17 agace ka 2 k'Itegeko n°22/99 ryo kuwa 12/11/1999 ryuzuza igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatanu cyerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingirwanywe, impano n'izungura.

B. Kubyerekeye uburenganzira bwo kwandikwaho inzu

5. Kuba hari amasezerano y'ubugure bwa parcelle n°1761 yabaye hagati ya Niragire Madina, ugurisha na Nsengiyumva Amoni, ugura, imbere y'ubuyobozi bwa segiteri Biryogo kuwa 26 Nzeli 1992 hakaba ntakiyavuguruza, ayo masezerano akaba yakubahizwa.

6. Ingingo ya 264 y'Itegeko ryo kuwa 30 Nyakanga 1888, rishyiraho urwunge rw'amategeko mbonezamubano ibyerekeye imirimo nshinganwa cyangwa amasezerano nkuko ryavuguruwe kugeza ubu iteganya ko igurisha riba ryuzuye hagati y'abagiranyamasezerano kandi umugurisha akegurira burundu umuguzi icyagurishijwe mu gihe bumvikanye ku kintu no ku giciro cyacyo, kuba

NUMUKOBWA Jean d'Arc asaba guhinduza amazina ya nyir'ikibanza bikaba bifite ishingiro kuko, ubugure bwegurira burundu uwaguze icyo yaguze nk'uko bishimangirwa n'ingingo ya 264.

C. Kubyerekeye uwo ikibanza igomba kwandiwaho

7. Kuba Nsengiyumva Amoni yaritabye Imana, NUMUKOBWA Jean d'Arc niwe usigaranye umutungo wose, kandi agomba kubahiriza inshingano wo kurera abana no gufasha ababyeyi ba nyakwigendera nk'uko ingingo ya 71 agace 1° k'Itegeko n°22/99 ryo kuwa 12/11/1999 ryuzuza igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatanu cyerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingirwanywe, impano n'izungura ibiteganya.

8. Kuba NUMUKOBWA Jean d'Arc asaba kwandikwaho inzu yaguzwe na Nsengiyumva Amoni umugabo we w'isezerano witabye Imana bakaba barabyaranye abana bane aribo: Uwamahoro Olive, Umukura Olivier, Dushimiyimana M.Claire na Nkenzingabo R. Isaac ariwe ushinzwe kubarera kandi ko nta mwana Nsengiyumva Amoni yabyaye hanze, hashingiwe ku biteganywa n'ingingo ya 17 agace ka 1 k'itegeko n°22/99 ryo kuwa 12/11/1999 ryavuzwe haruguru iha abashakanye ububasha bwo gukoresha umutungo uko bikwiye no kuwikenuza, biityo urukiko rukaba rwemereye NUMUKOBWA Jean d'Arc kwandikwaho ikibanza kugira ngo abasha kugikoresha uko bikwiye no kucyikenuza.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

9. Rwemeye kwakira ikirego cya NUMUKOBWA Jean d'Arc kandi ko gifite ishingiro.

10. Rwemeje ko ikibanza n°1761-R.I.O.F.U Kigali cyandikwa kuri NUMUKOBWA Jean d'Arc.

11. Rutegetse succession Makuka Shabani kwishyura amagarama y'uru rubanza angana n'ibihumbi birindwi na

magana cyenda na mirongo itanu(7.950Frw), itabikora bigakurwa mu byabo ku ngufu za Leta.

12. Rutegetse umwakirizi w'imari w'Urukiko gusubiza NUMUKOBWA Jean d'Arc amafaranga 4000 yatanzeho ingwate aregera Urukiko.

RUKIJIJWE RUTYO KANDI RUSOMWE MU RUHAME NONE KUWA 24/03/2011.

Sé/	Sé/
KIGEME Anne-Marie	MUKABIBI Fatuma
UMWANDITSI	UMUCAMANZA

Copie certifiée conforme à la minute
Fait à Kigali le…….
Greffier……